**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 21 NZELI 2018**

Ku wa gatanu tariki ya 21 Nzeli 2018 saa tatu n'iminota icumi za mugitondo (09h10') mu cyumba cy'inama cya Hoteli Lemigo mu Karere ka Gasabo hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iyobowe n'Umuyobozi wayo **Madamu Dr BAYISENGE Jeannette.**

Ku Bajyanama 27 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 22 bakurikira :

**Abajyanama bitabiriye inama:**

1. Umujyanama Dr BAYISENGE Jeannette (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama KAREGA Diogène (Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour
4. Umujyanama BUCYANA André
5. Umujyanama GAHAMANYI Edouard
6. Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah
7. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
8. Umujyanama KWIZERA KIVUYE Anitha
9. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
10. Umujyanama MICO NTUNGA Patrick
11. Umujyanama MUGABO Anne
12. Umujyanama MUGENI MAKUZA Jeannine
13. Umujyanama MUHIRE Jean Luc
14. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
15. Umujyanama MUYOMBANO Aimé,
16. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
17. Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel
18. Umujyanama RWAKIYANJA Jean Paul
19. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
20. Umujyanama RWIHUNDA Fred
21. Umujyanama TUYIZERE Marie Louise
22. Umujyanama UMUTONI Flora

**Abajyanama batitabiriye inama kubera impamvu zizwi:**

1. Umujyanama GASANA Francis
2. Umujyanama KAMILI KAREGYE
3. Umujyanama MUTONIWASE Sophie
4. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
5. Umujyanama UMUKUNZI Paul`

**Abandi bitabiriye iyi nama:**

**Abakozi b'Akarere:**

1. Bwana INGABIRE Augustin (Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere);
2. Bwana KARAMUZI Godfrey (District Council Specialist Affairs);
3. Madamu NYIRABIHOGO Jeanne d'Arc (Umuyobozi w'ishami ry'ubutaka mu Karere)
4. Madamu MUKESHIMANA Régine (Constituency Affairs Officer);
5. Bwana SEGATASHYA Alexis (Umuyobozi w'ishami ry'Ubuhinzi n'ubworozi);
6. Madamu MPAKANIYE Yvonne (Umugenzuzi bwite w'Akarere);
7. Madamu KAMANA Diane (Umujyanama wa Komite Nyobozi);
8. Madamu MITARI Josephine (Umukozi ushinzwe itumanaho);

**Abakozi bo mu Kigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere;**

1. Madamu Dr. Usita KAITESI (Chief Executive Officer of RGB)
2. Madamu KAZIIRE Judith (Head of Service Delivery, good governance and JADF)
3. Bwana AFURIKA (Division Manager);

Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye ikaze abitabiriye Inama Njyanama yakira by'umwihariko abakozi b'Ikigo cy'Imiyoborere. Yamenyesheje abitabiriye inama y'Inama Njyanama ko yakiriye ubutumire bw'Ikigo cy'Imiyoborere cyifuzaga kuganira n'Abajyanama b'Akarere ka Gasabo. Ubwo butumire bukaganirwaho mu nama ya Biro no mu Nama y'Abaperezida bakemeza ko bazageza ku bagize Inama Njyanama icyifuzo cyo gutangirira ku biganiro byateguwe n'Ikigo cy'Imiyoborere, nyuma imirimo y'Inama Njyanama ikabona gutangira.

Abajyanama bamaze kugezwaho ijambo ry'ikaze ry'Umuyobozi w'Inama Njyanama bakiriye abayobozi b'Ikigo cy'Imiyoborere, banemeza ko bahera kubiganiro babateguriye.

Mbere yo gutanga ikiganiro Madamu Usita (Chief Executive Officer of RGB) wari ukuriye itsinda ry'abakozi b'Ikigo cy'Imiyoborere yashimiye Ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo n'Abajyanama bemeye kubagenera uyu mwanya, akomeza anabagezaho ibiganiro byateganyijwe.

**Ibiganiro byahawe Abajyanama ni ibi bikurikira:**

1. Ishusho y'uko Abaturage babona Imiyoborere n'imitangire ya Serivisi mu Nzego z'Ibanze mu Karere ka Gasabo;
2. Imiyoborere Myiza; Uruhare rw'Umujyanama mu Miyoborere Myiza n'imitangire ya serivisi ("Leadership and good governance": the role of councillors in promoting good governance and effective service delivery).

Muri ibi biganiro Abajyanama bagejejweho ishusho y'uko abaturage b'Akarere ka Gasabo babona imitangire ya serivisi. Basobanurirwa kandi uko ubushakashatsi bwakozwe n'ibyiciro byabukozweho; bagaragarizwa ishusho rusange y'ibyavuye mu bushakashatsi; uko abaturage babona imikorere y'Inama Njyanama n'uko babona ibikorwa bimwe na bimwe by'Inama Njyanama.

Bagaragarijwe kandi uruhare rw'Umujyanama mu Miyoborere Myiza n'imitangire ya serivisi, baganira kubiranga umuyobozi mwiza. Basabwa kurwanya imitangire mibi ya serivisi, kongera uruhare rw'abaturage mu bikorwa na gahunda za Leta (Umuganda).

Basabwe kandi kugira uruhare mu guhuza imbaraga z'abafatanyabikorwa (JADF) n'Akarere mu kugeza abaturage ku iterambere.

Abagize Inama Njyanama bashimye ibiganiro bagejejweho basezeranya ababahaye ibiganiro ko hari ibyatangiye gukorwa kugira ngo begere abaturage birimo Icyumweru cy'Umujyanama mu Mujyi wa Kigali aho Abagize Inama Njyanama kuva ku rwego rw'Umujyi kugera ku Kagari bamara icyumweru basura abaturage mu rwego rwo kuganira nabo babagezaho Gahunda za Leta no gukemurira hamwe ibibazo.

Nyuma y'ibiganiro, Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo batangira baririmba indirimbo y'Igihugu.

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE**

Abari mu nama bamaze kuririmba indirimbo y'Igihugu, Umuyobozi w'inama yongeye gushimira abagize Inama Njyanama ku bitekerezo byiza batanze mu biganiro bagejejweho n'abayobozi b'Ikigo cy'Imiyoborere anababwira n'icyateye impinduka z'aho inama yagombaga kubera nk'uko bamenyeshejwe ko itagiteraniye ku Biro by'Akarere.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yasobanuriye abari mu nama ko nyuma yo kwakira ubutumire bw'Ikigo cy'Imiyoborere (RGB), cyasabaga guhura n'Abajyanama b'Akarere, ubutumire babuganiriyeho mu nama ya Biro y'Inama Njyanama n'iy'Abaperezida, bashingira ku ngano y'icyumba cy'inama cy'Akarere n'abatumirwa mu nama y'Inama Njyanama, bashingiye kandi kubikubiye mu Itegeko bafashe umwanzuro uzashyikizwa inama y'Inama Njyanama kugira ngo iwemeze.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yakomeje asobanura ko abagize Biro y'Inama Njyanama basuzumye ibikubiye mu Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ingingo ya 53 ivuga ku Iterana ry'Inama Njyanama z'Inama Njyanama zisanzwe ivuga

ko; *"Inama Njyanama isanzwe y'Inama Njyanama iteranira ku biro by'urwego rw'imitegekere y'Igihugu bireba cyangwa ahandi mu ifasi yarwo byemejwe na Biro y'Inama Njyanama".*

Asobanura kandi ibikubiye mu ngingo ya 42 y'Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage igika cya mbere cyayo kivuga ku ''Iterana ry'Inama Njyanama: *"Inama Njyanama iterana rimwe mu mezi atatu (3) mu nama isanzwe, ikabera ku biro by'urwego bireba cyangwa ahandi mu ifasi y'urwo rwego hemejwe n'Inama Njyanama;*
Asoza asaba abitabiriye inama y'Inama Njyanama kwemeza umwanzuro wa Biro wo gukorera inama mu cyumba cy'Inama cya Hoteli Lemigo.

Abari mu nama y'Inama Njyanama bamaze kugezwaho ibyashingiweho mu guhindura aho inama y'Inama Njyanama iteranira, bamaze gusuzuma kandi umwanzuro wa Biro y'Inama Njyanama y'Akarere no kugezwaho ibikubiye mu ngingo ya 42 y'Itegeko N°87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, bikuzuzanya n'ibikubiye mu ngingo ya 53 y'Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro 17.01.253**

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo bemeje ko inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iteranira mu cyumba cy'inama cya Hoteli Lemigo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 27 Kamena 2018;
2. Gusuzuma raporo y'ibikorwa by'Akarere by'umwaka wa 2017-2018;
3. Imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019;
4. Raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama;
5. Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;
6. Raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu by'abagize Komite Nyobozi (Mutarama-Kamena 2018);
7. Kwemeza amanota y'isuzumabushobozi y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'ay'Abagenzuzi bwite b'Akarere;
8. Ikiruhuko cy'umwaka wa 2018-2019 cy'abagize Komite Nyobozi;
9. Kwemeza ku mwanya w'akazi umugenzuzi bwite w'Akarere.
10. Ibintu n'ibindi.

Umuyobozi w'Inama Njyanama amaze kugeza ku bagize Inama Njyanama y'Akarere ingingo zari ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa yababwiye ko nyuma yo kohereza ubutumire yakiriye ubusabe bwa Komite Ngenzuzi bwo gukura ku murongo w'ibyigwa ingingo ya cyenda irebana no "Kwemeza ku mwanya umugenzuzi bwite w'Akarere". Asobanura ko mu Nama y'Abaperezida itegura inama y'Inama Njyanama abagize Komite Ngenzuzi babagaragarije ko hari ibyasabwaga kuzuzwa mu byangombwa by'uwo mukozi bitaraboneka. Abagize Komite Ngenzuzi bakaba barasabye Umuyobozi w'Inama Njyanama ko iyo ngingo yakurwa ku murongo w'ibizigwa mu nama y'Inama Njyanama ikazigwa mu nama itaha.

Ashingiye k'Ubusabe bwa Komite Ngenzuzi, ashingiye kandi ku gika cya nyuma cy'ingingo ya 25 y'Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage kivuga ko: "*Iyo gusaba guhindura ibiri ku murongo w'ibyigwa byemewe, Inama Njyanama ni yo igena igihe cyo kwiga ibiri ku murongo w'ibyigwaho"* Umuyobozi w'Inama Njyanama yasabye abagize Inama Njyanama gutanga ibitekerezo.

Abari mu nama bamaze kugaragarizwa ubusabe bwa Komite Ngenzuzi, bashingiye kandi kubikubiye mu Iteka ryavuzwe haruguru, bemeje ko ingingo ya cyenda: "Kwemeza ku mwanya w'akazi umugenzuzi bwite w'Akarere" yakurwa ku murongo w'ibyigwa muri iyi nama ikazasuzumwa mu nama y'Inama Njyanama itaha, bemeza ingingo zisuzumwa zikurikira:

**INGINGO ZASUZUMWE MU NAMA**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 27 Kamena 2018;
2. Gusuzuma raporo y'ibikorwa by'Akarere by'umwaka wa 2017-2018;
3. Imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019;
4. Raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama;
5. Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;
6. Raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu by'abagize Komite Nyobozi (Mutarama-Kamena 2018);
7. Kwemeza amanota y'isuzumabushobozi y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'ay'Abagenzuzi bwite b'Akarere;
8. Ikiruhuko cy'umwaka wa 2018-2019 cy'abagize Komite Nyobozi;
9. Ibintu n'ibindi.

**Ingingo ya mbere: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 27 Kamena 2018;**

Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama yahawe umwanya ageza ku bitabiriye inama inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 27 Kamena 2018 bayikorera ubugirorangingo, bagezwaho n'ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa

Kigali yanditse asubiza kuri iyo myanzuro yemeza ko imyanzuro yose yafashwe muri iyo nama ikwiye gushyirwa mu bikorwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho inyandikomvugo, bayikoreye ubugororangingo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 17.02.254**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 27 Kamena 2018, yongewemo ubugororangingo bwatanzwe n'Abajyanama.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kabiri</u>: Gusuzuma raporo y'ibikorwa by'Akarere by'umwaka wa 2017-2018;**

Hashingiwe ku ngingo ya 130 ivuga ku nshingano za Komite Nyobozi y'Akarere, agaka kayo ka 5; *Komite Nyobozi y'Akarere ifite inshingano zo gusuzuma raporo no kuyishyikiriza Inama Njyanama*. Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2017-2018. Asobanura kandi ko umushinga w'iyi raporo washyikirijwe inzego zikuriye Akarere ku gihe giteganywa n'amategeko kandi ko izongera ikoherezwa imaze kwemezwa n'Inama Njyanama

Asobanura ko raporo ikubiyemo: Imirimo n'ibikorwa by'Inama Njyanama y'Akarere na Komisiyo ziyigize, imirimo ya Komite Nyobozi y'Akarere, imirimo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, ibikorwa by'amashami na serivisi bikorera mu Karere n'ibyakorewe mu Mirenge.

Akoresheje uburyo bw'amashusho (power point presentation), Umuyobozi w'Akarere yagaragarije Abajyanama ibikorwa byakozwe n'Akarere mu mwaka wa 2017-2018. Agaragaza ko ibikorwa byakozwe bimwe byari mu mihigo y'Akarere ya 2017-2018, ibindi byari biteganyijwe muri gahunda y'ibikorwa y'Akarere y'umwaka 2018-2019.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2017-2018, bamaze no kuyunguranaho ibitekerezo bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 17.03.255**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2017-2018, imaze kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya gatatu</u>: Imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019;**

Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama ibikorwa byateganyijwe mu mihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka 2018-2019 yasinyanye na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika. Imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2018-2019 ni imihigo mirongo irindwi n'itatu (73) izatwara ingengo y'imari ingana na miliyari icumi miliyoni magana atanu n'enye ibihumbi ijana na kimwe n'amafaranga mirongo itatu n'abiri (10,504,101.032 Fws); Muri iyo, imihigo 24 bingana na 33% iri mu nkingi y'Iterambere ry'ubukungu (Economic transformation), ikazatwara amafaranga 2,942,668,052. Imihigo 35 bingana na 48% iri mu nkingi y'Iterambere ry'Imibereho Myiza (Social transformation) ikazatwara amafaranga angana na 5,282,785,735 naho imihigo iri mu nkingi y'Imiyoborere Myiza n'Ubutabera ni imihigo 14 bingana na 19% izatwara amafaranga angana na 2,278,647,245.

Umuyobozi w'Akarere yabwiye abagize Inama Njyanama ko imihigo yatangiye gushyirwa mu bikorwa anabasobanurira ko isuzuma ry'imihigo y'uyu mwaka rizaba ritandukanye n'iy'indi myaka kuko hazanasuzumwa ishyirwamubikorwa rya gahunda y'ibikorwa (Action plan) y'Akarere. Asobanura ko ibikorwa byose byateganyijwe bizashyirwamo imbaraga kugira ngo birangirire ku gihe cyane cyane ibidasaba ingengo y'imari nini.

Asoza ijambo Umuyobozi w'Akarere yasabye abagize Inama Njyanama gukomeza kubaba hafi mu bujyanama bahora babagiran kugira ngo Akarere kazashobore kwesa imihigo uko kayihize.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugararagizwa imihigo y'Akarere, bongeye gushimira Komite Nyobozi n'abakozi b'Akarere muri rusange imbaraga bakoresheje mu kwesa imihigo y'umwaka wa 2017-2018, aho Akarere ka Gasabo kaje ku mwanya wa kabiri mu kwesa imihigo y'umwaka wa 2017-2018, bizeza kandi Komite Nyobozi ubufatanye mu bikorwa bikorerwa abaturage bahagarariye.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere bashimye imitegurire y'imihigo y'Akarere, banizeza Komite Nyobozi ubufatanye mu kuyesa.

**<u>Ingingo ya kane</u>: Raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama;**

**4.1. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;**

Umwanditsi wa Komisiyo yahawe umwanya amenyesha abagize Inama Njyanama ko raporo agiye kubagezeho ikubiyemo ibyo Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yasuzumye mu nama ebyiri za Komisiyo zateranye ku wa 23 Nyakanga 2018 no ku wa 23 Kanama 2018, avuga ko bikubiye mu ngingo zikurikira:

1. Isobanurampamvu k'umushinga wo gutuza abaturage batishoboye badafite amacumbi yo kubamo ndetse n'abatuye mu manegeka mu Karere ka Gasabo;
2. Isobanurampamvu ku mpinduka zabaye mu ngengo y'imari y'Akarere ivuguruye y'umwaka wa 2017-2018;
3. Gahunda y'ibikorwa bya Komiyo y'umwaka 2018-2019;

### 4.1.1. Isobanurampamvu k'umushinga wo gutuza abaturage batishoboye badafite amacumbi yo kubamo ndetse n'abatuye mu manegeka mu Karere ka Gasabo;

Kuri iyi ngingo, umwanditsi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo yasuzumye umushinga yagejejweho na Komite Nyobozi y'Akarere wo gutuza abaturage batishoboye badafite amacumbi yo kubamo ndetse n'abatuye mu manegeka bagera kuri 281.

Asobanura mu magambo arambuye uko ikibazo giteye n'uko abagize Komisiyo bagisuzumye. Amenyesha abagize Inama Njyanama imbogamizi Akarere kahuye nazo mu kubakira abatishoboye kubera ingengo y'imari yagenewe icyo gikorwa idahagije.

Mu gushaka uburyo iki kibazo cyakemuka Komite Nyobozi y'Akarere yaganiriye n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Gasabo biyemeza kubaka amazu 67 ku bufatanye n'abaturage ndetse n'inkunga z'abafatanyabikorwa bakorera mu Murenge ku mazu 214 Akarere gasabwa kubaka.

Asobanura ko kubera ko Imirenge yo mu gice cy'Umujyi bitari kuyorohera kubona ibibanza yifatanyije n'Imirenge iri mu Nkengero z'Umujyi. Agaragariza abari mu nama kandi "site" zirimo kubakwamo zikurikira:

- Jabana (hahuriwe n' Imirenge ya Jabana, Remera, Gisozi, Kimihurura na Gatsata);
- Nduba (hahuriwe n'Imirenge ya Nduba, Kimironko, Kinyinya na Kacyiru)
- Rusororo
- Bumbogo
- Ndera
- Jali
- Rutunga
- Gikomero

Amazu arimo kubakwa mu buryo bwavuzwe haruguru akaba ari 67 yubakwa mu buryo bwo gutuza imiryango ine mu nzu imwe (Four in one); inzu imwe ikaba ifite agaciro ka Miliyoni cumi n'imwe n'ibihumbi magana cyenda mirongo inani na bitatu na magana acyenda na cumi na rindwi (**11,983,917 frw**) izatuzwamo imiryango ine. Inzu ituzwamo umuryango umwe ikaba itwara Miliyoni ebyiri ibihumbi magana cyenda mirongo icyenda na bitanu na magana cyenda mirongo irindwi n'icyenda (**2,995,979 Frw**) yose irangiye;

Yagaragarije abagize Inama Njyanama imbogamizi Akarere kahuye nazo kubera ko ingengo y'imari ingana na Miliyoni magana atandatu mirongo itanu n'eshatu ibihumbi magana atatu mirongo itatu na kimwe na magana arindwi mirongo itandatu (**653,331,760Frw**) yateganyirijwe iki gikorwa itakubaka amazu 214 Akarere karamutse gakoresheje uburyo gasanzwe gakoresha iyo kubakaga amazu y'abatishoboye gakoresheje Inkeragutabara "Force Account", aho inzu imwe yuzura itwaye Miliyoni enye ibihumbi magana atanu mirongo inani n'umunani na magana abiri mirongo itatu n'atanu (**4,588,235 Frw**) hakubakwa amazu 142 gusa;

Umwanditsi wa Komisiyo yasobanuye ko bamaze kuganira muri Komisiyo uko ikibazo gihagaze n'ibirimo gukorwa kugirango ikibazo kikemuke bakabishima, bamaze kandi gusobanurirwa uburyo bwashyizweho bwo gukurikirana ishyirwamubikorwa n'ikemurwa ryacyo aho hashyizweho ku rwego rw'Akarere n'Umurenge "task force" abagize Komisiyo basanze hakoreshwa uburyo budasanzwe mu gukemura iki kibazo kugira ngo abaturage bakurwe ahashyira ubuzima bwabo mu kaga, ndetse n'ikibazo cy'abakodesherezwa n'Ubuyobozi kirangire.

Akomeza ageza kubagize Inama Njyanama uburyo Komisiyo yasesenguye ibikubiye mu isobanurampamvu, igashingira kandi gihe giteganyijwe mu gukemura ibibazo bibangamiye umudendezo w'abaturage (HSI), no ku myanzuro y'inama zitandukanye zahuje Abayobozi ziganira ku bibazo bibangamiye umudendezo w'abaturage, asoza asaba abagize Inama Njyanama gusuzuma ibikubiye mu isobanurampamvu Komisiyo yasuzumye, bakemeza imyanzuro ya Komisiyo.

Abari mu nama bamaze gusobanurirwa mu buryo burambuye ibikubiye mu isobanurampamvu k'umushinga wo gutuza abaturage batishoboye badafite amacumbi yo kubamo ndetse n'abatuye mu manegeka wasuzumwe na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu; Bamaze kubona ko hakoreshejwe uburyo bwo gukoresha abaturage bigakorwa mu Mirenge ifite ubutaka bwo kubakwaho, hakanashyirwaho "steering committee" izaba ikuriwe na "task Force" ishinzwe gukurikirana ibibazo bibangamira umudendezo w'abaturage, ingengo y'imari yateganyirijwe uwo mushinga yashobora kubaka umubare w'amazu 218 y'abatishoboye bazatuzwa n'Akarere ka Gasabo;

Abagize Inama Njyanama bunguranye ibitekerezo bashingira kubikubiye mu isobanurampamvu ku mushinga wo kubakira abatishoboye badafite amacumbi ndetse n'abatuye ahashyira ubuzima bwabo mu kaga bashyikirijwe na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;

Bashingiye kandi ku mwanzuro wa 6 w'umwiherero wahuje Abayobozi b'inzego z'ibanze wabaye kuva tariki 28 kugeza tariki 30 Werurwe 2018, usaba Abayobozi "*gukemura ibibazo bitandukanye, bibangamiye imibereho myiza y'abaturage (HSI); ibijyanye n'isuku muri rusange bikaba byakemuwe bitarenze Gicurasi 2018 n'aho ibijyanye n'amacumbi bikaba byarangiye bitarenze Nzeri 2018;*

Bashingiye na none ku Itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo 125 igena inshingano z'Inama Njyanama mu gaka ka 16 aho bavuga ko Inama Njyanama ifite ububasha bwo gukurikirana no gufata ibyemezo ku bindi bikorerwa mu Karere bijyanye n'inshingano z'Akarere;

Abagize Inama Njyanama bemeje imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro Nº 17.04.256**

Inama Njyanama y'Akarere yemeje ko amafaranga angana na Miliyoni magana atandatu mirongo itanu n'eshatu ibihumbi magana atatu mirongo itatu na kimwe na magana arindwi mirongo itandatu (**653,331,760Frw**) yateganyirijwe kubakira abatishoboye bagomba gutuzwa n'Akarere badafite amacumbi, n'abatuye ahashyira ubuzima bwabo mu kaga (HRZ), yoherezwa mu Mirenge izubakwamo amazu 214 akazunganira umuganda w'abaturage.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro Nº 17.05.257**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere ishyiraho "steering Committee" ku rwego rw'Umurenge izaba ifite inshingano zo kwemeza ibikorwa byose bikenewe gukorerwa kuri "site" ziri mu Mirenge zizubakwamo amazu y'abatishoboye bagomba gutuzwa n'Akarere, gukurikirana ibikorwa by'ubwubatsi bizaba birimo gukorerwa kuri izo "site" no gutanga raporo ku rwego rw'Akarere.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

**Umwanzuro Nº 17.06.258**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ibikubiye mu isobanurampamvu k'umushinga wo gutuza abatishoboye badafite amacumbi yo kubamo ndetse n'abatuye mu manegeka bagomba gutuzwa n'Akarere, isaba Komite Nyobozi y'Akarere kuzita kubiyikubiyemo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

### 4.1.2. Isobanurampamvu ku mpinduka zabaye mu ngengo y'imari y'Akarere ivuguruye y'umwaka wa 2017-2018;

Umwanditsi wa Komisiyo yagejeje kubagize Inama Njyanama isobanurampamvu bashyikirijwe na Komite Nyobozi ku mpinduka zabaye ku ngengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018 nyuma y'uko ivugururwa ikanemezwa n'Inama Njyanama mu nama yayo idasanzwe yateranye ku wa 31 Mutarama 2018. Yasobanuye ko izo mpinduka zikubiye mu buryo bubiri; Amafaranga yavanywe mu ngengo y'imari n'amafaranga yiyongereye mu ngengo y'imari ivuguruye.

**A. Amafaranga yiyongereye ku ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere 2017-2018;**

Umwanditsi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko Komisiyo yasuzumye isobanurampamvu y'amafaranga angana na miliyoni ijana na mirongo inani n'ebyiri ibihumbi magana abiri mirongo ine na bitandatu na magana atanu mirongo

itatu n'ane (182,246,534 Frw) yiyongereye ku ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere y'umwaka 2017-2018.

Abamenyesha ko Ubuyobozi bwa LODA bubinyujije kuri MINALOC bwemereye Uturere gukoresha amafaranga ari kuri konti y'Umurenge SACCO ajyanye na gahunda ya VUP arimo amafaranga aturuka ku nguzanyo zatanzwe muri gahunda ya ''Financial services'' ndetse n'amafaranga yagiye asaguka mu bikorwa bya Public Works (PW/VUP) mu myaka yashize (mbere ya 2015-2016). Ayo mafaranga yari agenewe guhemba abagenerwabikorwa no kugura ibikoresho yoherezwaga mu Mirenge kuri konti ziri m'Umurenge SACCO aza gusaguka.

Asobanura ko ibyasabwaga byose n'Akarere byakozwe kugira ngo ayo mafaranga agezwe kuri Konti y'Akarere ariko hakaba hari Imirenge SACCO itararangiza kuyohereza.

**B. Amafaranga yakuwe ku ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere y'umwaka 2017-2018;**

Umwanditsi wa Komisiyo yakomeje ageza kubagize Inama Njyanama impinduka zindi zabaye ku ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere y'umwaka 2017-2018. Amafaranga angana na miliyoni mirongo ine n'eshanu ibihumbi magana atandatu mirongo inani n'icyenda magana atandatu mirongo ine n'arindwi (45,689,647 Frw) yari yatanzwe na MINAGRI (Earmarked fund) agenewe ibikorwa byo guteza imbere ubuhinzi, akaba yari arimo 6,921,135 Frw zari zigenewe ''Soil fertility management improved through use of organic, inorganic fertilizers and lime'' na 38,768,512 Frw zari zigenewe ''Increased quality commercial seed production by priority crops: Maize, Wheat, Rice, I. Potato, Soybean, cassava'' agashyirwa mu ngengo y'imari ariko iyi Minisiteri ntiyatange ngo akoreshwe; mu kwezi kwa Werurwe 2018 yavanwe mu ngengo y'imari ivuguruye nyuma y'inama yayobowe na MINAGRI hakoreshejwe uburyo bwa ''Video conference''.

Asoza asaba Inama Njyanama kwemeza umwanzuro wa Komisiyo kuri raporo yasuzumwe n'abagize Komisiyo.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho isobanurampamvu ku mpinduka zabaye ku ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018, zigaragaza amafaranga yiyongereye ku ngengo y'imari angana 182,246,534 n'amafaranga yakuwe ku ngengo y'imari angana na 45,689,647 Fr, bashingiye kandi ku ngingo ya gatatu y'icyemezo gishyiraho ingengo yimari y'Akarere igena uburinganire bw'ingengo y'imari y'Akarere, bagasanga nta ruhare Akarere kagize muguhindura ingengo y'imari yavuguruwe ikanemezwa n'Inama Njyanama mu nama yayo idasanzwe yateranye ku wa 31 Mutarama 2018, bashingiye kandi itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo 125 igena inshingano z'Inama Njyanama bunguranye ibitekerezo maze bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 17.07.259**

Inama Njyanama y'Akarere yemeje impinduka zabaye ku ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

### 4.1.3. Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;

Umwanditsi wa Komisiyo yagejeje ku bagize Inama Njyanama ibikubiye muri gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'umwaka 2018-2019. Asobanura ko mu gutegura gahunda y'ibikorwa, bashingiye ku nshingano za Komisiyo ziteganywa mu ngingo ya 47 y'Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, bakaba barateganyije ibikorwa bashingiye kandi no kuri gahunda y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka 2018-2019 ndetse n'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019. Gahunda y'ibikorwa kandi ikaba yarateguwe muri "format" yemejwe n'Inama y'Abaperezida yateranye ku wa 25 Nyakanga 2018.

Abari mu nama bamaze kugezwaho gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 17.08.260**

Inama Njyanama y'Akarere yemeje gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu y'Inama Njyanama y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

### 4.2. Raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage;

Umuyobozi wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yahawe umwanya ageza kubagize Inama Njyanama raporo ya Komisiyo ikubiyemo gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'umwaka wa 2018-2019. Asobanura ko mu gutegura gahunda y'ibikorwa bashingiye ku ngingo ya 48 y'Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, igaragaza inshingano za Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage. Ikaba kandi yarateguwe muri "format" yemejwe mu Nama y'Abaperezida.

Umuyobozi wa Komisiyo kandi yagaragarije abagize Inama Njyanama ibikorwa byongewe mubyo Komisiyo yari isanzwe ikora birebana n'ibikorwa by'abagore n'urubyiruko ubusanzwe byakorwaga na Komisiyo y'Imiyoborere Myiza. Amenyesha abagize Inama Njyanama ko byashyizwemo hashingiwe ku nshingano za Komisiyo ziri mu Itegeko ryavuzwe haruguru.

Asobanura kandi ko abagize Komisiyo bashingiye ku biteganyijwe muri gahunda y'ibikorwa y'Akarere ndetse n'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugaragarizwa ibikubiye muri raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage, bamaze gusuzuma kandi ibyashingiweho mu kuyitegura bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 17.09.261**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage y'umwaka wa 2018-2019.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

### 4.3. Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza

Kubera ko Umuyobozi wa Komisiyo n'umwanditsi wayo batitabiriye inama y'Inama Njyanama Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abitabiriye inama ko Umujyanama MUHIRE Jean Luc ariwe Perezida wa Komisiyo yasabye kuza kugeza ku Nama Njyanama raporo ya Komisiyo.

Amaze guhabwa umwanya Umujyanama MUHIRE Jean Luc yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko raporo ya Komisiyo ikubiyemo ibi bikurikira:

#### 4.3.1. Inyandiko ngenderwaho ivuguruye mu mitangire ya service mu nzego z'ibanze;

Umujyanama MUHIRE Jean Luc yagejeje kubagize Inama Njyanama incamake y'Inyandiko ngenderwaho ivuguruye mu mitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze bagejejweho na Komite Nyobozi ishingiye ku ibaruwa No 1611/07.01 yo ku wa 17 Kanama 2018 Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yandikiye Abayobozi b'Uturere abagezaho Inyandiko ngenderwaho ivuguruye mu mitangire ya serivisi mu Nzego z'Ibanze anasaba ko Inama Njyanama yazazemeza bitarenze igihembwe cya mbere cy'umwaka 2018-2019.

Abagaragariza zimwe mu mpinduka zabaye kuri zimwe muri servisi zatangwaga zari zisanzwe zitangwa ku Kagari, Umurenge n'Akarere. Asobanura ko serivisi zavuguruwe hashingiwe ku Iterambere Igihugu kigezeho ndetse n'umwihariko waburi Karere.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho impinduka zakozwe muri serivisi zitangwa kuva ku rwego rw'Akagari kugera ku Karere, bashingiye kandi ku ibaruwa No 1611/07.01 yo ku wa 17 Kanama 2018 Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yandikiye Abayobozi b'Uturere abagezaho Inyandiko ngenderwaho ivuguruye mu mitangire ya serivisi mu Nzego z'Ibanze anasaba ko Inama Njyanama yazazemeza bitarenze igihembwe cya mbere cy'umwaka 2018-2019, bunguranye ibitekerezo maze bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 17.10.262**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandiko ngenderwaho ivuguruye mu mitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze (Up dated and harmonised LG service charter with Rwanda online) zizatangwa ku rwego rw'Akagari, Umurenge n'Akarere hongewemo ubugororangingo bwatanzwe n'Abajyanama.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 4.3.2. Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza y'umwaka wa 2018-2019;

Umujyanama MUHIRE Jean Luc yagejeje ku bagize Inama Njyanama gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'umwaka wa 2018-2019. Asobanura ko mu gutegura gahunda y'ibikorwa bashingiye ku ngingo ya 49 y'Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, igaragaza inshingano za Komisiyo y'Imiyoborere Myiza, ikaba kandi yarateguye muri "format" yemejwe mu Nama y'Abaperezida.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere bamaze kugezwaho gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 17.11.263**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza y'Inama Njyanama y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

**<u>Ingingo ya gatanu</u>: Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;**

Kubera ko Umuyobozi wa Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere yatorewe indi mirimo itabangikanwa no kuba Umujyanama akaba atitabiriye Inama Njyanama umwe mu bagize Komite Ngenzuzi Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose yahawe umwanya ageza kubitabiriye inama raporo ya Komite Ngenzuzi yateguwe mu nama yayo yateranye ku wa 24 Nyakanga 2018 ikubiyemo ibi bikurikira:

1. Imyenda isabirwa gukurwa mu bitabo by'Ibaruramari by'akarere ka Gasabo.
2. Kwemeza gahunda y'ibikorwa by'Ubugenzuzi Bwite bw'Akarere umwaka wa 2018-2019
3. Isuzumabushobozi ry'Abagenzuzi bwite b'Akarere ry'Umwaka wa 2017-2018

**5.1. Imyenda isabirwa gukurwa mu bitabo by'Ibaruramari by'akarere ka Gasabo.**

Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose yagararije abari mu nama imyenda isabirwa gukurwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere ka Gasabo yasuzumwe mu nama ya Komite Ngenzuzi. Asobanura ko hari imyenda imaze igihe kirekire mu bitabo by'ibaruramari igaragara ko itazishyurwa kuko hari abagaragaza ko nta mwenda Akarere kababereyemo, hari ababuriwe amakuru y'aho babarizwa, imyenda y'imisoro ku bukode, ipantante, n'iy'ibyapa byamamaza.

Asobanura ko abagize Komite Ngenzuzi basuzumye umwenda ku wundi, bakanasuzuma ibyo Akarere kakoze kugira ngo iyo myenda yishyuzwe cyangwa yishyurwe, bakaba baratanze n'inama zizafasha Akarere gukurikirana no gukemura ikibazo cy'imyenda imwe n'imwe. Akoresheje uburyo bw'amashusho (power point presentation) yagaragarije Inama Njyanama imiterere ya buri mwenda n'inama abagize Komite Ngenzuzi bawutanzeho.

Nyuma yo kugaragarizwa imiterere ya buri mwenda, no gusobanura impamvu usabirwa gukurwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere, Komite Ngenzuzi ishingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 001/16/10 TC ryo ku wa 26/01/2016 rishyiraho amabwiriza yerekeye imari n'umutungo bya leta mu ngingo yaryo ya 105 ivuga ko "*Umutungo cyangwa umwenda ufatwa nk'uwatinze kwishyurwa iyo umaze imyaka ibiri (2) utishyuwe uhereye igihe watangiriye; icyo gihe Umuyobozi ushinzwe gucunga Imari ya Leta asaba uruhushya Inama Njyanama y'Akarere rwo gusiba mu bitabo by'ibaruramari imitungo imaze igihe kirekire itishyuwe kandi idashobora kwishyuzwa n'imyenda itarishyuwe imaze igihe kirekire*" . Asoza asaba Inama Njyanama kwemeza ko imyenda yagaragajwe yasibwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere ka Gasabo.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho imiterere ya buri mwenda n'inama zatanzwe na Komite Ngenzuzi, bashingiye ku bitekerezo n'ibisobanuro byatanzwe, bashingiye kandi ku ngamba zashyizweho mu kwishyuza imyenda imwe n'imwe, bashingiye nanone ku bikubiye mu ngingo ya 105 y'Iteka rya Minisitiri N° 001/16/10 TC ryo ku wa 26/01/2016 rishyiraho amabwiriza yerekeye imari n'umutungo bya Leta bemeje imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro N° 17.12.264**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko imyenda ikurikira yahanagurwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere ka Gasabo ariko Akarere kagakomeza gukurikirana abagafitiye imyenda kandi n'abazagaragaza ibimenyetso bifatika by'uko Akarere kabafitiye imyenda bakaba bazishyurwa mu rwego rwo kwirinda ko hari uwarenganywa:

a. **Umwenda umaze igihe kirekire wa "Family development" (49,827 Frw)**: kuri uyu mwenda ugaragara ko washyizwe mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere hagitangira ikoreshwa rya system ya IFMIS mu mwaka wa 2009-2010 ; hashingiwe ku nyandiko yandikiwe Akarere ku wa 23/07/2018 iyi company yemeza ko nta mwenda Akarere kayifitiye.

b. Amafaranga angana na **189,000 Frw** ya Mukarunyange akomoka ku irangizwa ry'imanza za Gacaca yaturutse mu murenge wa Rusororo. Hashingiwe ku makuru Akarere kahawe n'Umurenge wa Rusororo mu ibaruwa No 334/07.01.02/2018 wandikiye Akarere ka Gasabo. Kugeza ubu hakaba harabuze amakuru yaho yaba aherereye kuko nta n'umuntu wo mu muryango we uboneka.

c. **Umwenda w'Amafaranga 84,480 wa Tuyisenge Ernestine n'amafaranga 56,320 ya Bisangabagabo Etienne**: aba bari abakozi b'Akarere mu mirenge ya Gisozi na Rusororo baza guta akazi barahawe imashini zo gukoresha mu kazi bagendaga bishyura buri kwezi, akaba ari amafaranga bari basigayemo; Bakaba barabuze nta makuru yaho baherereye byafasha mu kubishyuza kandi akaba amaze igihe kinini;

d. Amafaranga **29,800,000Frw** y'umwenda ukomoka ku masezerano No TN/044/GAS/2015-26 yari hagati ya company GD Supply service ltd n'Akarere ka Gasabo yo kugemura no gushyiraho"Fourniture et installation d'une pompe d'eau dans le Secteur Nduba" nkuko bigaragara muri raporo ya WASAC yo kuwa 09/01/2017 aho yagaragaje ko uyu Rwiyemezamirimo yatanze pump inyuranye niyo yari yasabwe mu masezerano, akaba yarasabwe kuyihindura ntabikore kandi uyu mwenda ukaba umazemo imyaka irenga ibiri. Abagize Inama Njyanama basabye kandi Komite Nyobozi y'Akarere kongere kwandikira"Company GD Supply service ltd" bongera kuyisaba gutwara pompe yayo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

**Umwanzuro N° 17.13.265**

Abagize Inama Njyanama basabye Komite Nyobozi y'Akarere gukora urutonde rukazamanikwa ku biro by'inyubako za Leta (Ibiro by'Akagari, Umurenge n'Akarere) rw'ababereyemo Akarere imyenda y'imisoro y'ubukode bw'ubutaka (location parcelle) ingana **26,667,409Frw**, umwenda w'amafaranga **70,959,818** w'umusoro ku nyungu y'ubukode bw'amazu (Rental tax), umwenda w'amafaranga **5,745,722 w'**umusoro ku mitungo itimukanwa, umwenda w'amafaranga **736,400 y'**umusoro w'ipatante (Patente) n'umwenda w'amafaranga **653,000 y'**amahoro yo kwamamaza (billboads fees) kugira ngo bibutswe ko bagomba kwishyura umusoro babereyemo Akarere.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro N° 17.14.266**

Inama Njyanama y'Akarere imaze gusanga hari imyenda ingana n'amafaranga 32,558,525 frw ikomoka kunguzanyo zahawe abaturage muri gahunda ya "Financial Services"kuva mu mwaka 2009-2014 ntibabashe kuyishyura, Inama Njyanama y'Akarere yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gusubiza mu nteko z'abaturage ikibazo cy'abaturage bagurijwe amafaranga muri gahunda ya "Financial Services" bakaba batarayishyuye, abaturage akaba aribo bemeza ko batishoboye, raporo ikazashyikirizwa Inama Njyanama.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

## 5.1. Imyenda isabirwa gukurwa mu bitabo by'Ibaruramari by'akarere ka Gasabo.

Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose yagararije abari mu nama imyenda isabirwa gukurwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere ka Gasabo yasuzumwe mu nama ya Komite Ngenzuzi. Asobanura ko hari imyenda imaze igihe kirekire mu bitabo by'ibaruramari igaragara ko itazishyurwa kuko hari abagaragaza ko nta mwenda Akarere kababereyemo, hari ababuriwe amakuru y'aho babarizwa, imyenda y'imisoro ku bukode, ipantante, n'iy'ibyapa byamamaza.

Asobanura ko abagize Komite Ngenzuzi basuzumye umwenda ku wundi, bakanasuzuma ibyo Akarere kakoze kugira ngo iyo myenda yishyuzwe cyangwa yishyurwe, bakaba baratanze n'inama zizafasha Akarere gukurikirana no gukemura ikibazo cy'imyenda imwe n'imwe. Akoresheje uburyo bw'amashusho (power point presentation) yagaragarije Inama Njyanama imiterere ya buri mwenda n'inama abagize Komite Ngenzuzi bawutanzeho.

Nyuma yo kugaragarizwa imiterere ya buri mwenda, no gusobanura impamvu usabirwa gukurwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere, Komite Ngenzuzi ishingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 001/16/10 TC ryo ku wa 26/01/2016 rishyiraho amabwiriza yerekeye imari n'umutungo bya leta mu ngingo yaryo ya 105 ivuga ko "*Umutungo cyangwa umwenda ufatwa nk'uwatinze kwishyurwa iyo umaze imyaka ibiri (2) utishyuwe uhereye igihe watangiriye; icyo gihe Umuyobozi ushinzwe Gucunga Imari ya Leta asaba uruhushya Inama Njyanama y'Akarere rwo gusiba mu bitabo by'ibaruramari imitungo imaze igihe kirekire itishyuwe kandi idashobora kwishyuzwa n'imyenda itarishyuwe imaze igihe kirekire*" . Asoza asaba Inama Njyanama kwemeza ko imyenda yagaragajwe yasibwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere ka Gasabo.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho imiterere ya buri mwenda n'inama zatanzwe na Komite Ngenzuzi, bashingiye ku bitekerezo n'ibisobanuro byatanzwe, bashingiye kandi ku ngamba zashyizweho mu kwishyuza imyenda imwe n'imwe, bashingiye nanone ku bikubiye mu ngingo ya 105 y'Iteka rya Minisitiri N° 001/16/10 TC ryo ku wa 26/01/2016 rishyiraho amabwiriza yerekeye imari n'umutungo bya Leta bemeje imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro N° 17.12.264**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko imyenda ikurikira yahanagurwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere ka Gasabo ariko Akarere kagakomeza gukurikirana abagafitiye imyenda kandi n'abazagaragaza ibimenyetso bifatika by'uko Akarere kabafitiye imyenda bakaba bazishyurwa mu rwego rwo kwirinda ko hari uwarenganywa:

a. **Outstanding payables Family development (49,827 Frw)**: kuri uyu mwenda ugaragara ko washyizwe mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere hagitangira ikoreshwa rya system ya IFMIS mu mwaka wa 2009-2010 ; hashingiwe ku nyandiko yandikiwe Akarere ku wa 23/07/2018 iyi company yemeza ko nta mwenda Akarere kayifitiye.

b. Amafaranga angana na **189,000 Frw** ya Mukarunyange akomoka ku irangizwa ry'imanza za Gacaca yaturutse mu murenge wa Rusororo. Hashingiwe ku makuru Akarere kahawe n'Umurenge wa Rusororo mu ibaruwa No 334/07.01.02/2018 wandikiye Akarere ka Gasabo. Kugeza ubu hakaba harabuze amakuru yaho yaba aherereye kuko nta n'umuntu wo mu muryango we uboneka.

c. **84,480 Frw ya Tuyisenge Ernestine na 56,320 Frw ya Bisangabagabo Etienne**: aba bari abakozi b'Akarere mu mirenge ya Gisozi na Rusororo baza guta akazi barahawe imashini zo gukoresha mu kazi bagendaga bishyura buri kwezi, akaba ari amafaranga bari basigayemo; Bakaba barabuze nta makuru yaho baherereye byafasha mu kubishyuza kandi akaba amaze igihe kinini;

d. Amafaranga **29,800,000Frw** y'umwenda ukomoka ku masezerano No TN/044/GAS/2015-26 yari hagati ya company GD Supply service ltd n'Akarere ka Gasabo yo kugemura no gushyiraho"Fourniture et installation d'une pompe d'eau dans le Secteur Nduba" nkuko bigaragara muri raporo ya WASAC yo kuwa 09/01/2017 aho yagaragaje ko uyu Rwiyemezamirimo yatanze pump inyuranye niyo yari yasabwe mu masezerano, akaba yarasabwe kuyihindura ntabikore kandi uyu mwenda ukaba umazemo imyaka irenga ibiri.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

**Umwanzuro N° 17.13.265**

Abagize Inama Njyanama basabye Komite Nyobozi y'Akarere gukora urutonde rukazamanikwa ku biro by'inyubako za Leta (Ibiro by'Akagari, Umurenge n'Akarere) rw'ababereyemo Akarere imyenda y'imisoro y'ubukode bw'ubutaka (location parcelle), umwenda w'umusoro ku nyungu y'ubukode bw'amazu (Rental tax), umusoro ku mitungo itimukanwa, umusoro w'ipatante (Patente) n'amahoro yo kwamamaza (billboads fees) kugira ngo bibutswe ko bagomba kwishyura umusoro babereyemo Akarere.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro N° 17.14.266**

Inama Njyanama y'Akarere imaze gusanga hari imyenda ikomoka kunguzanyo zahawe abaturage muri gahunda ya "Financial Services" kuva mu mwaka 2009-2014 ntibabashe kuyishyura, Inama Njyanama y'Akarere yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gusubiza mu nteko z'abaturage ikibazo cy'abaturage bagurijwe amafaranga muri gahunda ya "Financial Services" bakaba batarayishyuye, abaturage akaba aribo bemeza ko batishoboye, raporo ikazashyikirizwa Inama Njyanama.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

### 5.2. Kwemeza gahunda y'ibikorwa by'Ubugenzuzi Bwite bw'Akarere umwaka wa 2018-2019;

Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose yamenyesheje abari mu Nama Njyanama ko Komite Ngenzuzi yasuzumye gahunda y'ibikorwa by'Abagenzuzi bwite b'Akarere agaragaza bimwe mu bikorwa bizakorwa bikubiyemo ubugenzuzi buzakorwa mu bitaro bibiri (2) biri mu Karere ka Gasabo na Farumasi, Imirenge cumi n'umwe (11), Ibigo by'amashuri cumi na bibiri (12) n'ibigo Nderabuzima bine (4). Hazagenzurwa kandi Ibigo Nderabuzima na gahunda ya Girinka ku bufatanye na MINECOFIN.

## <u>Ingingo ya gatandatu</u>: Raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu by'abagize Komite Nyobozi (Mutarama- Kamena 2018);

### 6.1. Raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu (Mutarama-Kamena 2018) by'Umuyobozi w'Akarere

Umuyobozi w'inama yahaye umwanya Umuyobozi w'Akarere kugira ngo ageze ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa yakoze mu mezi atandatu ashize (Mutarama-Kamena 2018), ababwira kandi ko gusuzuma raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu by'abagize Komite Nyobozi biteganywa n'Itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.

Umuyobozi w'Akarere amaze guhabwa umwanya yasabye Inama Njyanama kwemerera Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu kuza kubagezaho raporo y'ibikorwa by'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage utabashije kwitabira Inama Njyanama.

Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko kubagezaho raporo biteganywa n' Itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, mu ngingo yaryo 132 ivuga ku inshingano z' Umuyobozi wa Komite Nyobozi y'Akarere, agaka ka 15 aho bavuga ko *Umuyobozi wa Komite Nyobozi buri mezi atandatu ageza ku Inama Njyanama raporo ijyanye n'ibikorwa biri mu nshingano ze Umuyobozi w'Akarere yakoze.* Akoresheje uburyo bw'amashusho yajeje kubagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa yakoze mu mezi atandatu kuva muri Mutarama –Kamena 2018, asobanura ko hari ibyo bari busange byavuzwe muri raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka 2017-2018.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu kuva muri Mutarama kugeza muri Kamena 2018 byakozwe n'Umuyobozi w'Akarere, bunguranye ibitekerezo maze bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro Nº 17.15.267**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu (Mutarama-Kamena 2018) by'Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo .

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

## 6.2. Raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu (Mutarama-Kamena 2018) by'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu;

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu ashingiye ku ngingo ya 133 y'Itegeko Nº 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, ivuga ku nshingano z'Umuyobozi wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu, agace kayo ka 13 gateganya ko *Umuyobozi wungirije buri mezi atandatu atanga raporo y'ibikorwa bijyanye n'Inshingano ze*; Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu yakurikiranye kandi ashyira mu bikorwa, ibikorwa biri mu nshingano ze. Agaragaza ibikorwa yakoze yifashishije uburyo bw'amashusho (power point presentation).

Inama Njyanama imaze kugezwaho ibikorwa byakozwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu bunguranye ibitekerezo maze bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro Nº 17.16.267**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu (Mutarama-Kamena 2018) by'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'ubukungu.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mucyumba cy'inama

## 6.3. Raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu (Mutarama-Kamena 2018) by'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza;

Kubera ko Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage atabashije kwitabira inama Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu niwe wagejeje kubagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa byakozwe n'Umuyobozi Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza.

Yagaragarije abari mu nama raporo irambuye y'ibikorwa by'Umuyobozi wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage yifashishije uburyo bw'amashusho, asobanura ko raporo ishingiye kubikubiye mu Itegeko ryavuzwe haruguru mu ngingo ya 134 agaka ka 14 gateganya ko

Umuyobozi wungirije ageza ku nama Njyanama buri mezi atandatu raporo y'ibikorwa bijyanye n'Inshingano ze.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo y'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage bunguranye ibitekerezo maze bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 17.16.267**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu (Mutarama-Kamena 2018) by'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage .

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mucyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya karindwi</u>: Kwemeza amanota y'isuzumabushobozi y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'ay'Abagenzuzi bwite b'Akarere;**

**7.1. Kwemeza amanota y'isuzumabushobozi y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ry'umwaka 2017-2018;**

Umuyobozi w'inama yamenyesheje Abajyanama ko hashingiwe ku biteganywa n'Itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, ingingo ya 130, agaka ka munani kavuga ko: *kwemeza amanota y'abakozi b'Akarere yatanzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, guha amanota ku rwego rwa kabiri abayobozi b'imirimo ku Karere n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge. Guha amanota Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere akemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere;* yakiriye raporo ya Komite Nyobozi ikubiyemo amanota y'isuzumabushobozi ry'umwaka 2017-2018 yahawe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komite Nyobozi y'amanota y'isuzumabushobozi ry'umwaka 2017-2018 ryakorewe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana INGABIRE Augustin, bunguranye ibitekerezo nyuma bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 17.17.268**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komite Nyobozi y'Akarere ka Gasabo yemeje amanota y'isuzumabushobozi (Evaluation) ry'umwaka 2017-2018 y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo Bwana INGABIRE Augustin angana 89.3% akubiyemo amanota y'umusaruro ku bikorwa n'amanota y'imyitwarire.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mucyumba cy'inama.

## 7.2. Kwemeza amanota y'isuzumabushobozi y'Abagenzuzi bwite b'Akarere ry'umwaka 2017-2018

Umujyanama GAHIRE KANKINDI Rose uri muri Komite Ngenzuzi y'Akarere yahawe umwanya ageza kubagize Inama Njyanama raporo ya Komite Ngenzuzi y'amanota y'isuzumabushobozi ry'Abagenzuzi bwite b'Akarere. Asobanura ko abagenzuzi bwite b'Akarere ari babiri. Mukubaha amanota abagize Komite Ngenzuzi bashingiye ku ishyirwamubikorwa rya gahunda y'ibikorwa yari yarateganyijwe ndetse n'imihigo bahize uko bayesheje.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere ku isuzumabushobozi ry'umwaka 2017-2018 ryakorewe Madamu MPAKANIYE Yvonne na Bwana MUGABO Eric abagenzuzi bwite b'Akarere, bunguranye ibitekerezo bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 17.18.269**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere yemeje amanota y'isuzumabushobozi (Evaluation) ry'umwaka 2017-2018 y'umugenzuzi bwite w'Akarere Madamu MPAKANIYE Yvonne angana na 90.7% n'amanota ya Bwana MUGABO Eric angana na 81.4%. Aya manota akubiyemo ay'umusaruro w'ibikorwa hamwe n'amanota y'imyitwarire.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mucyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya munani</u>: Ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi cy'umwaka wa 2018-2019;**

Umuyobozi w'inama yamenyesheje Abajyanama ibiteganywa n'Itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, ingingo ya 65 ivuga ku kiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi: "*Abagize Komite Nyobozi babona ikiruhuko gihemberwa kingana n'iminsi mirongo itatu (30) mu mwaka, ariko bose ntibakigiramo rimwe. Igihe umwe mu bagize Komite Nyobozi afatira ikiruhuko cyemezwa n'Inama Njyanama",* akomeza ageza ku bari mu nama gahunda yagejweho na Komite Nyobozi igaragaza uburyo bifuza gufata icyo kiruhuko muri uyu mwaka 2018-2019.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho gahunda y'ikiruhuko cy'umwaka 2018-2019 cy'abagize Komite Nyobozi, bashingiye kandi kubiteganywa n'ingingo ya 65 y'Itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 17.19.270**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Gasabo bazafata ikiruhuko cy'umwaka wa 2017-2018 mu buryo bukurikira:

| S/N | Amazina | Iminsi y'ikiruhuko | Igihe azafatira ikiruhuko |
|---|---|---|---|
| 1 | Bwana RWAMULANGWA Stephen(Umuyobozi w'Akarere) | Iminsi 15 | 08/10/2018-22/10/2018 |
| | | Iminsi 15 | 10/12/2018- 24/12/2018 |
| 2 | Bwana MBERABAHIZI Raymond Chretien (Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu) | Iminsi 30 | 05/11/2018-03/12/2018 |
| 3 | Madamu NYIRABAHIRE Languide (Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage) | Iminsi 15 | 04/03/2019-18/03/2019 |

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mucyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya cyenda</u>: Ibintu n'ibindi.**

Kuri iyi ngingo Umuyobozi w'inama yamenyesheje abari mu nama ko ubu Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere ituzuye kuko Abajyanama bari bayigize batakiri mu Nama Njyanama kubera inshingano zindi bashinzwe abamenyeshako bazabasimbura nyuma y'amatora azaba yo gusimbuza Abajyanama batakiri mu Nama Njyanama. Asaba Komite Nyobozi y'Akarere kwandikira Komisiyo y'Igihugu y'amatora bayimenyesha imyanya ikenewe gutorerwa kugira ngo Inama Njyanama yuzuze umubare wangombwa.

Asoza inama, Umuyobozi w'Inama Njyanama yongeye gushimira abayitabiriye abasaba gukomeza kwegera abaturage bahagarariye no kubagezaho gahunda za Leta banababagaragariza uruhare rwabo mu iterambere ry'Igihugu.

Inama Njyanama yari yatangiye saa tatu n'iminota n'iminota icumi za mugitondo (09h10') yashoje imirimo yayo saa moya n'iminota makumyabiri z'ijoro (19h20).

Bikorewe i Gasabo, ku wa 21 Nzeli 2018

<u>Umwanditsi w'inama</u>:

**KAREGA Diogene**
Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo.

<u>Umuyobozi w'inama</u>:

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w' Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo